

CERTAINES DATES AYANT MARQUE L'ENSEIGNEMENT RWANDAIS DE 1907-1954

Source [129.194.252.80/catfiles/1471.pdf](https://www.129.194.252.80/catfiles/1471.pdf)

Ce document présente une chronologie rassemblée par **M. Gamaliel Mbonimana**. Les dates relevées concernent la ségrégation ethnique dans les écoles rwandaises, tant officielles que privées (des religions). Le document constate que de ces écoles les Tutsi ont profité plus que les Hutu. La part des Twa n'est pas relatée.

AMWE MU MATARIKI Y'UBUREZI 1907-1954 *MBONIMANA Gamaliel*

Aya matariki ni ayerekeye irobanura ry'amoko "hutu, tutsi, twa".

1907: Ishuli ry'Abapadiri ry'i Nyanza, ryari ryaratangiye mu 1902, ryarubatswe rirakomeza, ribona n'umuyobozi wemewe, ariwe padiri P. Schumacher w'umudage. Nta robanura ryari rihari, n'ubwo Abapadiri bashakaga ko riba iry'abana b'abatware (kuri bo bikavuga abatutsi): abana b'abatware ntibaryitabiriye.

1913: I Kabgayi n'i Rwaza, Abapadiri bera (Pères Blancs) bafunguye amashuli agenewe Abatutsi gusa. Babigishaga gusoma, kwandika n'igiswahili. Nta nyigisho z'idini.

1914: I Kigali, Abapadiri Bera bari bafite ishuli rigenewe Abatutsi. Baryitaga ishuli ry'intore. Ryahagaze mu 1932 kandi bamwe mu baryizemo babaye shefu na sushefu mu bya 1930-1940.

1919: I Nyanza hafunguwe ishuli rya mbere rya Leta mbirigi rigenewe Abatutsi, ariko akenshi baryitaga ishuli ry'abana b'abatware n'abandi batutsi. Ryahagaze mu wa 1935.

1920: - Urwandiko rw'amabwiriza rwa Minisitiri L.Franck wategekaga Koloni (Kongo mbirigi na Rwanda-Urundi): yanditsemo ko ubutegetsu bugomba kwita ku batutsi; bukabafungurira amashuli y'ubuvuzi bw'abantu n'ubw'inka.

-Mu bya 1920 nyine nibwo Leta yashinze andi mashuli agenewe Abatutsi. Ayo mashuli yashyizwe aha hakurikira: Gatsibu, Ruhengeri, Rukira (Kibungo) na Cyangugu.

Amashuli ya Leta uko ari atanu, mu mwaka wa 1929, yigwagamo n'abanyeshuli 969, bategurirwa kuba abatware, abakarani (secrétaires, interprètes, etc.) n'abalimu muri ayo mashuli nyine.

1924: Mgr. Classe yandikiye Abapadiri b'i Kigali ko bagomba kwita ku mashuli y'Abatutsi kurusha ay'Abahutu.

1925: Mgr. Classe yandikiye ibarwa abapadiri bose bo mu Rwanda abategeka kwita ku mashuli y'Abatutsi. Mu mwaka wa 1928, ironyakoko mu mashuli y'Abapadiri ryari rimaze guhabwa intebe.

Ibyo bigaragarira muri raporo y'amashuli 1928-1929 yanditswe na padiri Laurent Déprimoz (waje kuba umushumba wa Vikariyati y'u Rwanda), icyo gihe yari n'igisonga cya Mgr Classe. Misiyoni (ni ukuvuga paruwasi) zabyitabiriye cyane ni izi: Kigali, Kansi, Save, Mibirizi na Zaza. Aho hose, bagiraga n'umwaka wa mbere w'Abahutu, bakagira n'uwa mbere w'Abatutsi, kandi hamwe na hamwe Abatutsi bagahabwa inyigisho zisumbye iz'Abahutu.

1929: Ishingwa rya "Groupe Scolaire d'Astrida ". Ni ishuli rya Leta riragijwe umuryango w'abihaye Imana. Ryari rigenewe gutegura abafasha (auxiliaires) b'ababiligi;

Muri uwo mwaka wa 1929, nibwo batangiye kubaka amazu , ariko gufungura imiryango y'amashuli byabaye mu wa 1932. Iryo shuli ryagiye risimbura buhoro buhoro iry'i Nyanza kugeza mu wa 1935.

-Iryo shuli ryigwagamo n'abanyarwanda n'Abarundi. Ryigwagamo n'Abatutsi cyanr cyane, ariko n'abahutu baryemeremo: hari imibare ibiugaragaza kuva mu mwaka wa 1932 kugeza mu wa 1954.

N.B. - Mu maseminari ntabwo bandikaga ubwoko (Hutu, Tutsi,Twa) bw'abinjira.

-Mu mashuli y'Abaporoso ntihabaye irobanura ry'amoko.

-Iby'igihe cy'ubwigenge byo benshi barabizi.

INGINGO ZAGIZE URUHARE MURI POLITIKI Y'U RWANDA KUA MU MWAKA WA 1952 KUGEZA 1962

MBONIMANA Gamaliel

Source 129.194.252.80/catfiles/1601.pdf

IRIBURIRO

Iyi nyandiko ibumbatiye amatariki nasanze kuyamenya no kumenya ibyabayeho mu rwego rwa politiki byafasha umuntu mu kumva imihindukire y'ubutegetsi bwabayeho kuva mu mwaka wa 1952 kugeza mu wa 1962.

Icyatumye mpera mu wa 1952 ni uko muri uwo mwaka ku itariki ya 14 z'ukwa karindwi, hatangajwe Iteka (Décret) ryali rigamije kuvugurura Abanyarwanda n'Abarundi ku butegetsi Ababiligi bari bihariye muri « Territoire sous tutelle », ari yo Ruanda - Urundi. Zimwe mu ngingo zari zigize iryo teka zari zerekeye inama mu rwego rwa " sous-chefferie" urwa «chefferie», urwa «territoire» ri'urw'igihugu. Abagize izo nama (zari ingishwa-nama zose) bagaragazwaga n'amatora. Iyo ntambwe nshyashya y'amatora kimwe n'ishyirwaho ry'izo nama byakanguye Abanyarwanda batari bake, bashyigikira ibya politiki. Ndetse hari abahamya ko iryo teka ryazanye demokarasi mu gihugu.

Igituma ngarukira ku mwaka wa 1962, ni uko ku ya mbere y'ukwa karindwi kwawo, ariho u Rwanda rwavuye mu maboko ya O.N.U., bityo rukareka kuba indagizo, ahubwo rugasubira kwigenga, nubwo ubwo bwigenge bwaje mu gihe kitabereye bose kandi bugakoreshwa nabi. Inyandiko nifashishije murazisanga imbere iyo, nyuma y'amatariki agaragara natoranyije. Ntabwo nakwemeza ko ingingo z'ingenzi nazivanye imuzingo (nazimazeyo), ariko habonetse umwanya uhagije kandi ubigenewe, hakaboneka n'inyandiko umuntu yashingiraho, nta kabuza. ibyagombye kugororwa byagororwa, ibibuzemo bikinjizwamo. Nimube musomye ibi. Ndibwira ko bitabura abo bigirira akamaro.

Mugire ubugingo!

Kigali. Nyakanga 1998

1952

14/07 Iteka rivugurura imitegekere ya Ruanda-Urundi ryongerera Abanyarwanda n'Abarundi uruhare mu butegetsi bayoborwagamo n'Ababiligi. Iryo teka ryatangiyeye gukurikizwa kuva 1/8/1953.

1954

13/02 Inama Nkuru y'Igihugu yatangiye imirimo yayo bwa mbere. Umwami Karoli Mutara RUDAHIGWA yafashe ijamba icyo gihe, ahamya ko itariki ya 13/2/1954, ari umunsi utazibagirana mu mateka y'u Rwanda : ngo, Iteka ryo kuwa 14/7/1952 rirateza imbere ubutegetsi gakondo, rikinjiza mu gihugu ingingo remezo (principes) za demokarasi, bityo u Rwanda rukazashobora guhinduka « Etat moderne » aho guhera mu nzira ya gihake.

1955

19/03 Ishyirwaho rya « Mouvement Démocratique Progressiste ». Ryashinzwe bibereye muri Misiyoni (Paroisse y'ubu) ya Kamonyi. Iyo «mouvement» yaje kwiyubururamo RADER igihe cy'ishingwa ry'amashyaka ya politiki mu wa 1959.

1956

Cyane kuva uwo mwaka niho ikibazo «hutu-tutsi» cyashyizwe ahagaragara mu nyandiko nyinshi.

25/03 Uwari Padiri Andereya Perraudin wayoboraga seminari nkuru y'i Nyakibanda (Butare) yahawe ubwepisikopi i Kabgayi, abuhawe na Mgr, Aloyizi Bigirumwami.

25/04 Ibaruwa A. Maus (Umukoloni wari mu Burundi akaba no mu Nama ya Vice-Gouvernement Général) yandikiye V.G.G. Harroy yerekana ko Abahutu barenganye, ko bakwiriye kugira umwanya mu Nama ya Vice Gouvernement Général.

29/06 Ibaruwa Abasenyeri (Abepisikopi) ba Kongo Mbiligi na Ruanda-Urundi bandikiye abakirisitu babo. Iyo baruwa yibandaga ku butabera.

21/07 Inyandiko za mbere zatangajwe n'ikinyamakuru cyandikirwaga i Bukavu cyitwaga «Presse Africaine », inyandiko zavugaga nabi umwami Mutara Rudahigwa : ngo amereye nabi Ababiligi, ngo ashyamiranye na Shefu Prosper Bwanakweli.

30/09 Amatora ya mbere na mbere ya rubanda (consultation populaire) mu rwego rwa sushefèri.

Ugushyingo : Muri uko kwezi, Inama Nkuru y'Igihugu yatangiye kugerageza ivanwaho by'ibirongozi ngo bisimburwe na ba « moniteurs agricoles ». Ibyo byakurikiraga ivanwaho ry'abamotsi, bikoze n'iyi Nama, Nkuru y'Igihugu mu kwakira 1956.

1957

24/01 Inyandiko yatangajwe n'ikinyamakuru cyitwa «Libre Belgique», ivuga ko umwami Mutara Rudahigwa n'Inama Nkuru y'Igihugu bagaragaje mu kwezi kwa 12/1956 ko bashaka ubwigenge bucagase (autonomie) bagahera kuri za Minisiteri enye : Ubutegetsi bw'Igihugu, Imali, Uburezi n'Imirimo ya Leta. Ibyo ntibyashimishije ubutegetsi bw'Ababiligi.

Mutarama : Inama Nkuru y'Igihugu yashyize ahagaragara inyandiko yise «Mise au point» (bivuga : mu by'ukuri dore uko ibintu bimeze kandi byagombye kumera). Iyo nyandiko yoherejwe intumwa za ONU zagombaga «gusura» Ruanda-Urundi nk'uko bisanzwe buri myaka itatu kuva muwa 1948.

Gashyantare : Ibaruwa y'igisibo Abasenyeri (Vicaires Apostoliques) ba Ruanda-Urundi bandikiye abakirisitu babo yerereke ku bibazo by'icyo gihe. Iyo baruwa yitwaga «Ukuri, urukundo, ubutabera».

24/03 Itangazwa ry'inyandiko yitwa « Note sur l'aspect social du problème racial indigène au Ruanda». Izina ryo kwamamaza abanyamakuru bakunze kwita iyo nyandiko, ni irya «Ministère des Bahutu». Niryo ryogeye.

Kamena : Ishyirwaho, i Kabgayi, rya «Mouvement Social Muhutu» (M.S.M.) rishinzwe na Gerigori Kayibanda.

01/11 Ishyirwaho, i Save (Butare), rya «Association pour la Promotion Sociale de la Masse" (APROSOMA). Iryo shyirahamwe ryari riyobowe na Yozefu Habyarimana Gitera (ryahindutse ishyaka rya politiki mu wa 1959 : reba imbere iyo).

30/03 Umwami Mutara Rudahigwa, mu rwego rw'Inama Nkuru y'Igihugu, yashyizeho Akanama (Commission) gashinzwe gusuzuma ibivugwa ku Bahutu hamwe n'Abatutsi. Kimwe cya kabiri cyari kigizwe n'Abahutu bitwa ko bavugira Abahutu bose, kiyobowe na Y.H. Gitera, ikindi kigizwe n'Abatutsi bo mu Nama Nkuru y'Igihugu. Raporo y'izo mpaka (cg. umubonano) yagombaga gushyirwa ku murongo w'ibizigwa mu Nama Nkuru y'Igihugu yo ku matariki 9-12/6/1958.

17/05 «Abagaragu b'ibwarni bakuru» cumi na babiri, bakurikije cyane cyane igitabo «Inganji Kalinga» cya Alexis Kagame, bakwirakwije inyandiko ihamya ko amateka y'u Rwanda agaragaza ko nta sano Abatutsi bafitanye n'Abahutu, uretse iy'ubuhake.

18/05 «Abagaragu bakuru b'ibwarni» cumi na batanu basinye ibaruwa igenewe Umwami Mutara Rudahigwa n'Abagize Inama Nkuru y'Igihugu. Bavugagamo ko bakomeye ku masambu no ku bikingi, ko nta mpamvu yo kubigabanya cyangwa kubigurisha.

19/05 Hashyizweho icyemezo (O.G.G.05) giha Yozefu Habyarimana uruhushya rwo kwandikisha ikinyamakuru cye « Ijwi rya rubanda rugufi ».

9-12/6 Iterana ridasanze ry'Inama Nkuru y'Igihugu. Umwami Mutara Rudahigwa yashoje iyo nama kuva 12/6/1958 ahamya ko nta kibazo «Tutsi-Hutu». Icyo gihe nibwo benshi mu bagize iyo nama basabye Guverinoma mbiligi ko amagambo «Bahutu. Batutsi. Batwa» yasibwa mu bitabo no mu zindi nyandiko za Leta.

Kamena : Mu mpera z'u kwa Kamena 1958, hashinzwe ishyirahamwe ryitwa « Association des Eleveurs du Ruanda » (ASSERU). Ni ukuvuga « Ishyirahamwe ry'Aborozi b'u Rwanda ». Hari abemeje ko ryashinzwe n'Umwami Mutara Rudahigwa.

06/07 Yozefu Habyarimana Gitera yatangaye mu kinyamakuru «Temps Nouveaux d'Afrique» (Usumbura) inyandiko yitwa «Programme des Bahutu» : yemezaga ko ishyaka (parti) ry'Abatutsi ririhohotse kuva ibinyajana 9, rikaba ari ishyaka riheza bamwe, naho ishyaka ry'Abahutu rikazaba rigendera ku mategeko y'ibi bikurikira : umurimo, amajyambere, uburinganire imbere y'Umwami n'itegeko, ubuvandimwe. Yanavugaga ibyemezo bya benshi mu Nama Nkuru y'Igihugu ku byerekeye Abatutsi n'Abahutu ariyo ntandaro y'ishyiraho ry'ishyaka ry'Abahutu. Ati : ibyavuzwe na Kayijuka (umwiru w'umutsi) na bagenzi be biragaragaza ko nta sano ry'ubuvandimwe Abahutu bafitanye n'Abatutsi.

05/09 Hatangajwe inyandiko ya Mgr Aloyizi Bigirumwami yagaragaje mu kinyamakuru «Témoignage Chrétien» asaba ko abandika n'abavuga ku kibazo «Tutsi-Hutu-Twa» bashishoza ntibagitware nabi.

Nzeri-Ukwakira : Y. Habyarimana Gitera, mu kinyamakuru cye «Ijwi rya rubanda rugufi» yashishikariye kunyega no gusebya ingoma Karinga n'Abiru, anemeza ko nta buvandimwe bw'Abatutsi n'Abahutu. Kimwe mu bigaragaza iyo ngingo ngo ni ibinyita by'abami b'Abahutu Karinga itamirije kimwe n'izindi ngoma z'ingabe. Mu mpera z'Ukwakira, Umwami Mutara Rudahigwa hamwe n'abari baramuherekeje (intore, abavuzi b'ingoma n'abandi) muri «Exposition Universelle de Bruxelles» bagarutse mu Rwanda batahanye ishya n'ishema by'agahebuzo. Aho i Bruxelles, Mutara Rudahigwa yabonye umwanya (l'occasion) wo kubonana n'abantu benshi batari Ababiligi aryohereza n'amajyambere, yifuza ubwigenge. Yatahutse atagishobora kwihanganira imitegekere y'Ababiligi mu Rwanda. Kubera ibyo yabayeho nk'ucana nabo.

03/12 Mu Nama ya Vice-gouvernement général (Usumbura), J.P. Harroy yashyize ku mugaragaro ingingo ikomeye (iremereye). Yemeye ko «Ikibazo (Hutu-Tutsi) ari ikibazo cy'ukuri, kiriho nta shiti mu gihugu cy'ubusumbane, ko abantu benshi biyubashye bemeza ko akarengane ari kose. Ngo Mutara Rudahigwa yahise asubiza ko ibyo ari ukwivanga...Harroy yarangije ko Guverinoma izakomeza gutandukanya Abatutsi, Abatwa, Abahutu, ayo mazina agakomeza gukoreshwa mu nyandiko.

1959

11/02 Ibaruwa ya gishumba (lettre pastorale) y'igisibo Mgr Andereya Perraudin, umushumba wa Vikariyati ya Kabgayi, yandikiye abakirisitu be, yitwa «Super omnia caritas» (Urukundo mbere ya byose). Kimwe mu byo bamwe batishimiye ni uko yanditse ko «mu Rwanda hariho itandukaniro n'ubusumbane bishingiye ahanini ku kudahuza ubwoko (race) kw'Abanyarwanda, hakaba hari ubwoko (race) bwaryamiye ubundi mu nzego ziriho, ko ubwo busumbane n'uburyamirane ari karande, ko kandi atari ngombwa gucira urubanza ibyo byahise umuntu yiha gushakashaka imvano yabyo.

15/02 Ishyirahamwe rye «APROSOMA» Yozefu Habyarimana Gitera yarihinduyemo ishyamba rya politiki (ni ukuvuga ko yabigize mbere y'Iteka (Ordonnance yo kuwa 8/5/1959 ryabonaga uruhushya rwo kurema amashyamba ya politiki, kandi ryagombaga gutangira gukurikizwa ku wa 15/6/1959). Gitera nanone yoherereje Guverinoma inyandiko yihaniza (motion), ibwira u Bubiligi ko budakwiye gutanga ubwigenge mbere yo kuvugurura inzego zose z'ubutegetsi, binyuze mu nzira Abahutu berekanye.

Werurwe : Mgr A. Bigirumwami yoherereje abafasha be (collaborateurs) ibarwa. Avugamo ikibazo gitanya Abahutu, Abatutsi n'Abatwa. Yemejemo ko «aho politiki y'amacakubiri ica ibintu, muni yabyo haba hari «missionnaire» ...

15/03 Gaspard Cyimana (wigaga Anvers mu Bubiligi, nyuma akagaragara muri PARMEHUTU), yatangaje mu kinyamakuru cyo mu Bubiligi cyitwa «La Revue Nouvelle» inyandiko yise «Plaidoyer pour le menu peuple au Rwanda - Burundi» (=mburanire rubanda rwa giseseka rwa Ruanda -Urundi).

Mata : Inyandiko yakwirakwijwe mu Rwanda yanditswe na Garasiyani Sendanyoye (wigaga mu Bubiligi) yamaganaga APROSOMA na «Mouvement Social Muhutu» ikanavuga ko abagize ayo mashyirahamwe yombi ari abagambanyi b'u Rwanda. Yozefu Habyarimana Gitera yashubije inyandiko akoresheje imvugo ishaririye kandi igaragaramo igugu; iyo nyandiko yatangajwe mu kinyamakuru cye «Ijwi ryta rubanda rugufi».

14/04 Iteka rya Minisitiri (Bruxelles) rishyiraho «Groupe de travail pour l'étude du problème politique au Ruanda-Urundi».

22/04 Iyo «Groupe de travail» yasesekaye Usumbura, izanywe no gukora iperereza rihagije ryagaragaza inzira nyayo ryanyuramo ivugurura ry'inzego z'ubutegetsi muri Ruanda-Urundi. Imyanzuro y'iryo perereza yamuritswe kuwa 2/9/1959 (reba imbere iyo). Iperereza ry'iyi «Groupe de travail...» ribarirwa mu byatumye Abanyarwanda bakangukira ari benshi ibya politiki (mu Rwanda iryo perereza ryakozwe muri Gicurasi 1959).

08/10 Iteka (ordonnance) ritanga uruhushya rwo gushinga amashyamba ya politiki, rikaba ryatangira gukurikizwa guhera kuwa 15/6/1959.

Kamena : Hakwirakwijwe inzandiko z'impimbano «tract», bitiriye Abatutsi ngo bashyigikiwe n'umwami, yitwaga «Bana b'u Rwanda, murasangwe» (bahinduye mu gifaransa ngo «Enfants du Rwanda, soyez prêts au combat! »).

15/06 Y. Habyarimana Gitera yiyemeje ko iyo «tract» ihamagarira abantu kumwica, bituma yoherereza Minisitiri Van Hamelrijck urwandiko ruhamya ko iyo «tract» ari impuruza igambiriye kvanaho APROSOMA n'uwaihanze. Yanabimenyesheje V.G. G. Harroy, ariko bombi nta gisubizo bamuhaye. Byatumye yubura inzandiko zinyega kandi zipfobya Karinga, ubwami n'Abatutsi.

Nyakanga : Itangazwa mu kinyamakuru «*Temps Nouveaux d'Afrique*» cyatangaje inyandiko yitwa «Monarchie ou République ? /...../ La monarchie n'est-elle pas au bout de sa carrière ?» (Bivugako ngo : Ubwami cyangwa Repubulika ? /...../ Aho ubwami ntibwacyuye igihe ?»).

28/07 -Itabazwa ry'umugogo w'Umwami Karoli Mutara Rudahigwa i Mwima na Mushirarungu (Nyanza).

-Igaragazwa ry'umusimbura wa Karoli Mutara Rudahigwa, ariwe Yohani Batisita Ndahindurwa (nawe mwene Yuhi Musinga). Izina ry'ubwami rikaba Kigeri (akaba abaye Kigeri V).

Kanama : 1 Rutongo (bugufi ya Kigali muri SOMUKI) havutse ishyamba rya politiki ryitwa «Inkornezakurinda» (= Ceux qui continuent à résister). Ntiriyamaze kabiri.

24-29/8 Mu Nyakibanda habereye inama ya Kiliziya Gatolika yitwa « Synode » ikoraniwemo ingenzi mu bapadiri n'Abasenyeri ba Vikariati zombi(Kabgayi na Nyundo). Umwe mu myanzuro yamamajwe (bamwe bavugaga ko washyigikiye igitekerezo cya Y.H. Gitera) ni uyu : Ku bwa Kiliziya Kalinga nta kindi ishobora kuba kitari ikimenyetso (emblème), ntabwo kandi iri ntinashobora kuba igicumbi gikagatiye ubutegetsu; ububasha n'icyubahiro, (autorité) ntibishobora kuba mu kintu, ahubwo biba gusa mu muntu (...) ko « niba hari ibinyita biri kuri Karinga, Kiliziya ibona ko bakwiriye kubivanaho».

02/09 Hoherejwe raporo ya «Groupe de travail pour l'étude du problème politique au Ruanda-Urundi». Abari batumwe bayimuritse i Bruxelles.

03/09 Ishingwa ry'ishyamba « Union Nationale Rwandaise » (UNAR).

13/09 Meeting ya mbere ya UNAR. Yabereye i Kigali.

14/09 Havutse ishyamba ryitwa "*Rassemblement Démocratique Rwandais*" (RADER),

20/09 Meeting ya kabiri ya UNAR, yabereye Astrida (Butare). Uwo munsu Y. Habyarimana Gitera, yakoranyije benshi mu banyamashyamba be kugirango bakomanyirize UNAR. Ntibyahungabanyije umutekano.

24/09 Ibaruwa Abasenyeri b'u Rwanda (A. Perraudin na A. Bigirumwami) bandikiye abapadiri babo, babihanangiriza kandi babasaba kuryamira amajanja baca ukubiri n'imikorere na programme bya UNAR (bemezaga ko iryo shyamba rifitanye isano n'ubukomunisiti n'ubuyisilamu).

27/09 - Meeting ya APROSOMA Astrida (Butare).
- Meeting ya UNAR i Gitarama.

Ukwakira : Mu ntangiro z'Ukwakira 1959, APROSOMA yanditse ibarurva iyohereza ONU, Guverinoma mbiligi, abayobozi b'amadini, Umwami n'Abanyarwanda bose. Muri icyo baruvva APROSOMA yiyamaga icyo yise iterabwoba rya UNAR.

04/10 Meeting ya UNAR mu Ruhengeri. Imyigaragambyo y'abatashakaga iyo meeting ntiyabujije UNAR kuhungukira abayoboke.

09/10 Ishyirwaho i Gitarana, ry'ishyaka «Parti du Mouvement de l'Emancipation des Bahutu» (PARMEHUTU ». Iyo tariki itangwa na Paternostre de la Mairieu, Le Rwanda et son effort de développment , p.212). Ibyo aribyo byose iryo shyaka ni icyahoze ari ishyirahamwe "Mouvement Social Muhutu" (M.S.M.).

10/10 V.G.G Harroy yemeje ihindurwa - kubera igihano ry'abashefu Michel Kayihura, Pierre Mungarurire na Chrysostome Rwangombwa. Imparvu ngo ni uko bagize uruhare muri za meetings za UNAR. Babimenyeshejwe kuwa 17/10/1959.

11/10 - Meeting ya UNAR i Kibungo. Nyamara Rezida w'u Rwanda yari amaze iminsi abujije za meetings. Administrateur wa Kibungo ngo ntiyabonye ingufu zihagije zo kuburizamo iryo koraniro.

-Ibaruwa y'Abasenyeri b'u Rwanda (Vicaires Apostoliques), A. Bigirumwami na A. Perraudin, bandikiye abapadiri. Mu byanditse muri iyo baruwa bise « strictement confidentielle » (ngo : ikomeze ibe ibanga) harimo ko bagomba kwirinda inyigisho mbi z'ishyaka « Parti social Hutu » (Ishyaka ry'Abahutu) : ni APROSOMA. Ngo rifite inyandiko zigaragaza umutima utari uwa gikirisitu, ahubwo urangwa n'urwango rushingiye ku irondakoko (haine raciste). Ikindi ni uko Kiliziya yisumbukuruje ku buryo itari kumwe n'amashyaka ya politiki.

14/10 Ibaruwa ya ba «leaders» hutu, aribo Aloyizi Munyangaju (APROSOMA), Gerigori Kayibanda (PARMEHUTU), na Anasitazi Makuza (PARMEHUTU). Bayandikiye Minisitiri wa Kongo mbiligi na Ruanda-Urundi, bahamyagako bagiye kugerageza bwa nyuma, mbere ya«Déclaration Gouvernementale», inzira yatuma iyo «déclaration» idashyigikira ikandamizwa mu buja ry'Abahutu. Bagasaba Guverinoma rnbiligi kutareka gutegeka u Rwanda. Biyumvishagako u Bubuligi buramutse burekuye u Rwanda hanyuma UNAR igatsinda, bazafatwa nk'abagambanyi b'igihugu, bityo bakicwa.

15/10-1/11 Habayeho ibikorwa bigaragaza ubushyamirane bwa bamwe ba UNAR bahanganye na bamwe ba RADER na PARMEHUTU (nk'i Muhura, Nyanza, Gacurabwenge, Bwanacyambwe).

17/10 V.G.G. Harroy yabujije abashefu, abasushefu, abacamanza n'abanditsi b'inkiko kwivanga mu cyitwa «propagande» y'ishyaka iryo ari ryo ryose. Ngo uzarenga ayo mabwiliza asabwe kwegura, ariko bitabujijwe ko yazahanwa.

N. B. icyo cyemezo cya Harroy ubwacyo cyari kinyuranyije n'Iteka (Décret) ryo kuwa 17/8/1959 ritanga ubwisanzure bwo kujya mu ishyirahamwe no mu ikoraniro umuntu yishakiye.

27/10 Abayobozi ba RADER boherereje V.G.G. Harroy inyandiko bise « Grave situation politique au Ruanda : terrorisme » : bavugagamo ukuntu abantu (cyane cyane aba RADER) batotezwa n'aba UNAR.

31/10 Ibihuha byarakwirakwijwe muri sheferi ya Ndiza (Gitarama) bihamya ko UNAR imaze iminsi ishaka kwica Dominiko Mbonyumutwa, sushefu w'Umuhutu.

01/11 -Intangiro y'icyo bamwe bise «révolution», abandi «troubles», abandi «jacquerie». Imbarutso : hakwirakwijwe inkuru ivuga ko sushefu Dominiko Mbonyumutwa w'Umuhutu yishwe n'Abatutsi. Ibyo bigera muri sheferi ya Ndiza binyuze mu Marangara.
- Abantu batazwi bamennye ibirahuri by'imodoka ya ba Officiers b'Ababiligi bo muri

Gendarmerie y'i Kigali.

03/11 Abatutsi batangiye kwicwa no gutwikirwa ari benshi muri Gitarama na Ruhengeri.

05/11 Koloneli Logiest yageze mu Rwanda n'ingabo ze, aba «Résident Militaire» kuwa 11/11/1959.

07/11 Rezida André Preud'homme ashya u Rwanda kuri «régime d'opération militaire».

09/11 Ubuyobozi bw'ingabo bugenewe guhashya amakoraniro «y'udutsiko tw'abagiranabi» mu Rwanda bweguriwe Colonel B.E.M. Logiest : hari pelotons 24 na «unité de para-commandos» n'indege ku wa 21/11/1959, abasirikari bashinzwe guhashya udutsiko tw'abagiranabi bari 1.500 bishe abaturage amagana n'amagana (Abatutsi n'Abahutu).

10/11 -Itangazo rya Guverinoma (*Déclaration gouvernementale*) risobanura politiki rishya u Bubiligi bushaka gukoresha mu gutegeka u Rwanda n'u Burundi. Iryo tangazo ryagaragajwe na Minisitiri wa Congo Belge na Ruanda - Urundi, ari we Auguste De Schrijver.

- Muri Kiliziya Gatolika, ishyingirwaho rya « Hiérarchie locale »: Abasenyeri bakoraga nk'ibisonga bya Papa, kuva ubwo batangiye gukora mu izina rya Yezu, ariko bakubaha Papa. Amazina y'Abasenyeri mu rwego rw'ubuyobozi yagombye guhinduka, bitwa «Abepisikopi»

11/11 V.G.G. Harroy yatangaje itegeko-teka (O. L.081/227) ishyingiraho « Etat d'exception » mu Rwanda.

Yanashyizeho «*Résident militaire*» mu Rwanda (O.R.U.081/228). Bityo, Rezida w'umusirikari, Logiest, asimburira Rezida w'umusivili, Preud'homme. Ni ukuvuga ko kuva ubwo kugeza ku wa 15 Mutarama 1960; u Rwanda rwategetswe gisirikare (*régime militaire*).

14/11 Nyuma y'ubwicanyi, itwika, isahura, guhunga (mu gihugu cg. mu bihugu bikikije u Rwanda) agahenge karagaragaye.

17/11 Mu biro bya «Résident militaire», Logiest yakoresheje inama yatumiwemo ba Administrateurs bose. Yabashyikirije icyemezo yafashe cyo gukuraho abatware b'Abatutsi, bagasimbuzwa Abahutu. icyo cyemezo, ba Administrateurs baragishyigikiye.

02/12 V.G.G. Harroy yasinye iteka (ordonnance) rigira Koloneli Guy Logiest «*résident civil splécial*» w'u Rwanda.

25/12 Umwami Baudouin yasinye iteka ry'inziyacyuho bise «*Décret intérimaire*». Iyo décret yashyizeho uburyo bwo gushyira mu bikorwa «*Déclaration gouvernementale*» yo kuwa 10/11/1959. Iyo décret *intérimaire* yari igenewe Ruanda - Urundi.

1959- 1960

AMASHYAKA MATOYA

Ni amashyaka ataragize uburemere nk'ubw'amashyaka bamwe bise « Partis nationaux », ni ukuvuga APROSOMA, UNAR, RADER na PARMEHUTU. Amwe muri ayo mashyaka matoya yari yegamye kuri ayo ane manini. Igihe cy'amatora ya Komini mu wa 1960, ayo mashyaka mato, yabonye utujwi duke, bityo abura umwanya mu butegetsi, agenda ayoyoka.

Ayo mashyaka matoya ni aya:

1. ABAKI Alliance des Bakiga
2. ABESC Association des Bahutu Evoluant pour la Suppression des Castes
3. ACR Association des Cultivateurs du Rwanda
4. APADEC Association du Parti Démocrate Chrétien

5. APROCOMIN Association pour la Promotion des Commerçants Indigènes
6. AREDETWA Association pour le Relèvement Démocratique des Batwa
7. ARUCO Alliance du Ruanda-Urundi et du Congo
8. ASSERU Association des Eleveurs du Rwanda.
9. MOMOR Mouvement Monarchiste Rwandais
10. MUR Mouvement pour l'Union Rwandaise
11. PAMOPRO Parti Monarchiste Progressiste
12. PSCR Parti Social Chrétien du Rwanda
13. UAARU Union des Aborozi Africains du Rwanda
14. UMAR Union des Masses Rwandaises
15. UNAFREUROP Union Afro-Européenne
16. UNINTERCOKI Union des Intérêts Communs du Kinyaga

Habayeho n'utundi dushyaka dutoya, nk'iryaharaniraga ubwigenge bucagase (autonomie) bw'Igisaka.

1960

25/01 Susheferi 544 zahinduwemo Komini 229 zitegekwa na ba Burugumesitiri.

Gashyantare : Ishyirwaho rya « Conseil Spécial Provisoire ». Yari igizwe na : 2 ba buri shyaka mu mashyaka 4 manini (Partis nationaux). Ni ukuvuga Abatutsi 4 n'Abahutu 4.

30/04 Telegaramu y'amashyaka APROSOMA, PARMEHUTU na RADER : yemezaga ko baciye ukubiri n'Umwami Kigeri V bagasaba bidasubirwaho ko hashyirwaho undi muyobozi w'Igihugu w'inzibacyuho (intérimaire). Habaye icyo bise « Front commun » y'ayo mashyaka uko ari atatu.

08/05 Ishyaka rya PARMEHUTU ryasabye ko Kigeri V yakwicazwa.

06/06 PARMEHUTU yagaragaje ko yitandukanyije n'ubwami (n'umwami) noneho ihinduka « Mouvement Démocratique Républicain », ariko ihamana izina rya PARMEHUTU. Bityo habaho MDR – PARMEHUTU.

13/06 Ishyirwaho ry'ingabo z'igihugu (Garde Territoriale du Ruanda - Urundi).

26/06 Mu mpera za Nyakanga: *Amatora ya Komini*, icyavuye muri ayo matora (abajyanama ba Komini) :

Amashyaka	Intebe	%
PARMEHUTU	2201	70,4
APROSOMA	233	7,4
RADER	209	6,6
Cartel PARMEHUTU-APROSOMA	189	6,0
UNAR	56	1,7
Autres	237	7,9

Ku ntebe 3.125, UNAR ntiyatoye.

25/07 Kigeri V yagiye Léopoldville (Kinshasa) ngo yivuganire na Dag Hammarskjöld, Umunyamabanga Mukuru wa ONU, wari utegerejwe aho kuwa 28/7/1960. Ababiligi babibonyemo agasuzuguro kuko Kigeri V yakoze nk'aho u Rwanda rwabonye ubwigenge.

13/09 Ishyirwaho rya " Garde Nationale" rishimangira ibyavuye mu matora ya Komini.

18/10 Ishyirwaho ry'Inama y'Agateganyo y'Igihugu, (*Conseil Provisoire du Pays*).

Iyo nama yari igizwe n'abantu 48

PARMEHUTU : 31

RADER : 9

APROSOMA : 7

AREDETWA : 1

Twibuke ko UNAR itashyizwemo : yari yaragarambiye amatora yabaye ya Komini. Geregori Kayibanda yagizwe (nommé) *Chef du Gouvernement Provisoire*

26/10 Ishyirwaho mu cyicaro (installation) ry'Inama y'u Rwanda na Guverinoma y'Agateganyo.

BIBLIOGRAPHIE

1. BOURGEOIS, R., Témoignages, t.I, vol. 2, Fonctionnaire territorial (1931-1961). s.l., 30 janvier 1984 (multigraphié).
2. CLAEYS-BOUUAERT, A., « L'élite et ses devoirs », dans *l'Ami*, n° 109, janvier 1954, pp. 12 - 13.
3. *Décolonisation et indépendance du Rwanda et du Burundi- dans chronique de politique étrangère*. vol. XVI - N°4 à 6, juillet - novembre 1963, Bruxelles, Institut des Relations Internationales, pp.439 - 718 (Chronologie du 16 Avril 1959 - 1 juillet 1962).
4. HARROY, J.P., Rwanda. De la féodalité à la démocratie 1955 - 1962, Bruxelles, Hayez/Paris, Académie des Sciences d'Outre-Mer, 1984.
5. KAGAME, A., *Un abrégé de l'histoire du Rwanda*, t.2., Butare, Editions Universitaires du Rwanda, 1975.
6. LOGIEST, G., *Mission au Rwanda. Un blanc dans la bagarre Tutsi-Hutu* Bruxelles, Didier Hatier, 1988.
7. NKUNDABAGENZI, F., Rwanda politique (1958-1960) Bruxelles, Centre de recherche et d'information socio-politique, 1962.
8. PATERNOSTRE DE LA MAIRIEU, B., *Le Rwanda et son effort de développement*. Bruxelles, Editions A. De Boeck/Kigali, Editions Rwandaises, 1983 (2è éd.).
9. Quelques numéros du Kinyamateka 1956 (icyo gihe yayoborwaga na Padiri B. MUSONI).

Sources

Pour le premier texte :

Adresse internet 129.194.252.80/catfiles/1471.pdf

Pour le second texte:

Adresse internet 129.194.252.80/catfiles/1601.pdf
